REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°18/2018: **Taliki ya 1–30 Kamena 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Nyakanga 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Kamena 2018; cyagaragaje imvura yari ku gipimo gisanzwe kugeza hejuru kuri buri bupimiro; inaba nyinshi cyane mu majyaruguru y'Uburengerazuba
- **Ububobere bw'ubutaka** bwagaragaje igabanuka ku buhehere uko iminsi yagiye ishira mu kwezi kwa Kamena_2018
- **Ukwezi kwa Nyakanga_2018;** hateganyijwe ibihe by'izuba kurusha uko byagaragaye muri Kamena_2018

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Kamena 2018; cyagaragaje imvura yari ku gipimo gisanzwe kugeza hejuru kuri buri bupimiro; inaba nyinshi cyane mu majyaruguru y'Uburengerazuba

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Kamena_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Kamena_2018	Kamena
Kigali (Kanombe)	43.7	22.1
Rusizi (Kamembe)	20.9	28.9
Rubavu (Gisenyi)	211.8	48.4
Nyamagabe (Gikongoro)	24.5	39.5
Ngoma (Kibungo)	13.6	19.9
Gicumbi (Byumba)	41.8	29.1
Busogo	53.0	48.9
Bugarama	2.8	25.6
Musanze (Ruhengeri)	50.8	38.5
Gitega	88.2	23.4
Rubengera	1.0	53.2
Byimana	0.0	36.0
Kawangire	2.4	20.2
Nyagatare	39.2	11.2

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Kamena_2018; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gicurasi_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Kamena_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Kamena



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Gicurasi_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Gicurasi



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Kamena_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Kamena 2018; cyagaragaje imvura yari ku gipimo gisanzwe kugeza hejuru kuri buri bupimiro; inaba nyinshi cyane mu majyaruguru y'Uburengerazuba (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Gicurasi; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi cyane mu gihugu hagati ndetse n'amajyepfo; iba nke mu burengerazuba ndetse no mu burasirazuba; naho ahandi mu gihugu hagaragaye imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe ihagwa (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kamena 2018 igice cya mbere Ikarita6: Kamena 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Kamena 2018 igice cya gatatu

Muri Kamena_2018; amafoto y'icyogajuru yerekana igabanuka ku buhehere uko iminsi yagiye ishira mu kwezi kwa Kamena_2018 guhera mu gice cya mbere kugeza mu gice cya 3 ari nacyo cya nyuma (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Kamena; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Nyakanga_2018

Ibihe by'izuba bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kwa Nyakanga_2018

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Nyakanga_2018:



Ikarita7: Nyakanga.2018 icyumweru cya mbere (1-7) Ikarita8: Nyakanga.2018 icyumweru cya mbere (8-14)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)